Sabomana Vincent Sr: 1

P.: 14

Letter

10/8/1990

SIBOMANA Vincent
C/O MINAFFET
B.P. 179
KIGALI

Kimisagara, le 10/08/1990

A traiter par ..........1..........
Date d'entrée ..05 SEP. 1990..........
N° classement .3438/DAJ/A/Ere

- Bwana Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo
KIGALI

- Bwana Prokireri wa Parike ya Repubulika
KIGALI

Impamvu: Gusaba gutandukana burundu
(Deamande de divorce)

Bwana Prezida,
Bwana Prokireri,

Mbandikiye mbasaba kuntandukanya burundu na NYIRANGEZAHAYO Berthilde mwene NYABUHENE na KANKINDI Gatarina batuye i Kaduha (Segiteri Kaduha), Komini Mushubati i Gitarama twali twarashakaniye imbere y'Ubutegetsi bwa Komini Mushubati taliki ya 4-11-1984 kubera impamvu mbagezaho muli iyi nyandiko.

Jyewe SIBOMANA Visenti ndi mwene SENKWARE Benedigito na KANKINDI Consorata batuye muli Segiteri NTONGWE ho muli Komini Mushubati i Gitarama.
Navukiye i NTONGWE taliki ya 20 mu w'1963 mu kwezi kwa Gashyantare. Ndi umuhutu w'Umuzigaba.

AHO MBALIZWA: Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane agasanduku ka posita n° 179 Kigali.

Résidence : Selire Kimisagara, Segiteri Kimisagara, Zone Kove, Komini Nyarugenge, Prefegitura KIGALI.

.../...

4

IGIHE TWAMARANYE NA NIRANGEZAHAYO Berthilde:

Imyaka itatu n'amezi umunani (3,8 ans)

ICYAHAGALITSE IMUBANO WACU:

NYIRANGEZAHAYO Berthilde yataye urugo.

IGIHE YATEREYE URUGO:

Taliki ya 14 Nyakanga 1988

IGIHE AMAZE ATAYE URUGO:

Imyaka ibili (2 ans).

Nyakubahwa Prezida,
Nyakubahwa Prokireri,

Baca umugani mu kinyarwanda ngo "Umwanzi aragashaka kabili" aliko Immana iraguha ntimugura.
Muli iyi nyandiko ngiye kubagezaha zimwe mu ngingo nshingiraho kugirango nsabe gutandukana burundu na NYIRANGEZAHAYO Berthilde kuko imibanire yacu igayitse cyane, ikaba inateye isoni kubayizi cyane, cyane cyane nk'abaturanyi bacu.

Ndifuza gutandukana burundu (Divorce) kubera:

1) NYIRANGEZAHAYO YATAYE URUGO TALIKI YA 14.7.1988

Kuba NYIRANGEZAHAYO yarataye urugo akarusahura nagiye gushaka icyatubeshaho kukazi kandi akagenda kubera impamvu ze bwite, akantana abana babili balimo umuto wali akili ku ibere.
Ikindi kandi yaraye mugasozi mu ijoro ryo kuwa 14.7.1988 nkaba naramwinginze ngo agaruke murugo mfatanije n'umukecuru MONIKA wanyunganiye icyo gihe aliko bikaba iby'ubusa kuko ahubwo yaje agatwara nako yali yibagiwe nizeye ko yibajije nkigira ku kazi uko bisanzwe naza ngasanga inzu irampamagara, ubwo akaba hali mugitondo cyo ku italiki ya 15.7.1988.

.../...

P.S: NYIRANGEZAHAYO yivuye imbere ya Konseye KARUSHARA Côme n'abaturage ko ntigeze muvirukana yivanye mu rugo.

2) <u>GUSAHURA URUGO</u>, <u>GUSAHURA UMUTUNGO MULI BANKI</u>, <u>KUGURISHA IBYO YASAHUYE</u>.

a) Kuba yarasahuye amafaranga muli Banki z'Abaturage ili ku Muhima taliki ya 14.7.1988,

b) Gusahura ibintu byo munzu akansiga iheruheru ngasigara ntagira icyo niyorosa, ntagira icyo ntekamo.

c) Kuba yaragulishije inkono twatekagamo na Drosela (Kimisagara) Kuba yaragulishije imyambaro y'abana (mu rupangu kwa Déo BANGAYILIKI)-Kimisagara, indi akayiteza cyamunara ku isoko lya NYARUGENGE,

3) <u>KUTUBAHILIZA UBURENGANZIRA BW'IKIREMWA-MUNTU</u>

~~xxKubaxxNYIRI~~

- Kuba NYIRANGEZAHAYO na mwene nyina (BELANSILA) bafifika iby'urupfu rwa BAVUGEMPORE wavukiye muli maternité i Kigali akavuka aba bombi bacumbitse kwa BANGAYILIKI Déo (Kimisagara).

- NYIRANGEZAHAYO avuga ko BAVUGEMPORE aba muli SOS mu kigo kirera imfubyi ku Kacyiru,

- BELANSILA akavuga ko BAVUGEMPORE yapfuye aliko akaba yaraguye i Mushubati kwa Nyirakuru (KANKINDI Gatarina),

- Kuba muby'ukuli ntamwana BELANSILA yigeze ageza murugo iwabo,
- Kuba BAVUGEMPORE Yarabayeho igihe kirenze ukwezi ali muzima,
- Kuba nta muntu numwe wemeza ko yaba azi ko BAVUGEMPORE aliho kandi akaba ntanuwahambye uyu mwana uzwi,

- Kuba batarigeze bantabaza ntuye muli metero ugereranije 350 +/-m ntibabe barambwiye ngo mbatabare bagize ibyago,

- Kuba NYIRANGEZAHAYO yaratinyutse gukura umwana ku ibere nta mpamvu igaragara agatuma arwara ubutabere,

NI UKUVUGA KO NTAHO ATANIYE NINGURUBE ILYA IBIBWANA BYAYO CYANGWA INKOKO ILYA AMAGI YAYO.

Biragaragara rwose ko kiliya kibondo BAVUGEMPORE cyazize ababyeyi batagira impuhwe kandi ntibubahilize uburenganzira bw'ikiremwa-Muntu.

Bo se batanze angahe ? Batanze iki kugirango ubu babe baliho?

.../...

8

Kuli jye mbona BAVUGEMPORE yarazize urwagambiliwe kugirango bikure mu kimwaro imbere y'ababyeyi n'abavandimwe babo gusa kuko iwabo bazi ko ali ukubatera urubwa kuko ntakibana n'umukobwa wabo kandi ali ibintu byabonywe koko n'abandi bantu batali jye ngo binshishikaze kugenda nsakaza ngo abantu babyaye nkaho ali igitangaza.

Gusa ikili igitangaza ni ukubona abantu batinyuka kuligisa umwana wavutse ali muzima akabaho kandi ntihagire umenya urupfu we kuko muby'ukuli ruzwi na baliya bantu ubwabo uko ali babili.

Nkaba rero ndashobora kwihanganira umuntu udafite aho atandukaniye n'inyamaswa nazo zitagira ubwenge nabuke.

Uwihekuye ntiyatinya rwose kwivugana umwana wa bene Rubanda (Umugabo).

N.B.: izina ly'uliya mwana w'umukobwa nalibwiwe na MADALINA waje kubana na NYIRANGEZAHAYO kwa Albert C/O BNR.

4) GUSANGA ABANDI BAGABO; NO KUBA YABA YARANDUYE SIDA. 9

Kuba NYIRANGEZAHAYO yarahise ajya gukodesha amazu ataye abana n'umugabo we ni ukwiyemeza uburaya bukabije kuko yanabikoze agombye kwicukuruza umwana muto wali acyonka, agikeneye nyina wo kumwitaho.

Dore aho nashoboye kumenya yakodesheje amazu:

- Kwa MUNYANEZA (Kimisagara) KIGALI
- Kwa BANGAYIKIKI Déo " KIGALI
- Kwa Albert (Kimisagara) KIGALI
- Kwa GASASIRA (Muhima) KIGALI
- muli Segiteri CYAHAFI KIGALI
- Ubu akaba ali ahantu hataramenyekana kuko ataba iwabo......!!

NYIRANGEZAHAYO yakomeje gukora akazi k'uburaya no kwigira inzererezi uretse ko muminsi ishize yali abivanze no gucuruza utwenda tw'abana aho bita ku iseta imbere y'isoko rya Nyarugenge n'imbere ya RWANDAPETROLGAZ aho yilirwaga ateze indege. Haliya mu CYAHAFI yahavanywe n'umugabo utazwi kugeza ubu kuko nkulikije aho yakodeshaga mu Cyahafi nyine ko bambwiye ngo yagiye kubitsa ibintu bye ku Kimisagara, asiga yishyuye inzu atanze n'infunguzo zayo. Nonese wabitsa ibikoresho byo guteka no kulyamira udafite ahantu ugiye wizeye ko hali ibindi? 8

- NYIRANGEZAHAYO kureka gucuruza tuliya twenda tw'abana ni ukuvuga ko afite uwabimujije akaba yaliyemeje no kumuhahira akamutunga.
- NYIRANGEZAHAYO gusanga abandi bagabo yarabyiyemeje koko ko nta mwana yahahiraga, akaba atarahahiraga umugabo we, akaba atarahukaniye iwabo, akaba ataragiye nibura kwa Sebukwe ngo bamwirukane, akaba atatashye mu rugo rwe ngo hagire umukoma imbere, si ukwiyemeza gusanga abandi bagabo koko?

- Amafaranga yego yarayatwaye aliko siyo yalishye aliya mazu yose, siyo yamutunze gusa adafite akandi kazi akora !

5) <u>KWANGA GUTAHA</u>:

NYIRANGEZAHAYO nagiye kumucyura iwabo banyemerera kuzatunganya ikibazo nubwo atahabaga bwose.

NYIRANGEZAHAYO nongeye kumusanga kwa BANGAYILIKI Déo ambwira ko ataje hafi yanjye kugirango mucyure.

NYIRANGEZAHAYO namusanze kwa NDASHIMANGA Pierre (Kimisagara) nawe ukodesha kwa BANGAYILIKI Déo yanga kumbwiza ukuli kwe kuko yari ataragira ibibazo agifite abamushuka ngo bazamufasha.

Nitabaje ubutegetsi bwa Segiteri Kimisagara yemera kujya iwabo aliko akimara kuhagera yahise yigarukira i Kigali ajya muli Segiteri Cyahafi aho yagiye kwihisha Konseye wa Kimisagara. Ubwo nagiye iwabo nsanga ngo ntahaheruka ndashoberwa nimyiza imoso. Nitabaje ubutegetsi bwa Segiteri dutuyemo NTONGWE (Commune Mushubati i Gitarama) Konseye anyunganira atumiza imiryango yacu yombi aliko kwa Data-bukwe ntibitaba ubutumire bwa Konseye wifuzaga kumenya ubwe icyo imiryango ibitekerezaho kuba NYIRANGEZAHAYO yanga kugaruka murugo rwe.

6) <u>KUBA NYIRANGEZAHAYO YARAKOMEJE KWIFUNGISHA</u>

Kuba NYIRANGEZAHAYO yarakomeje gufata imiti yo kumubuza gusama kandi twari dusanganywe umugambi wo kubyarana undi mwana muri uyu mwaka tugeze hagati kandi akifungisha ntaburenganzira bwanjye, nta n'umutegetsi ubizi ngo abe yarabimuhereye uruhusa akabikora yarataye urugo ni ukuvuga ko yashatse gusesa amasezerano n'ubwumvikane twari twaragiranye agirango arengere inyungu ze wenyine kugiti cye.

7) KUBA NYIRANGEZAHAYO YALIYEMEREYE UBWE IMBERE Y'ABATURAGE NA CONSEYE WA KIMISAGARA KO AZASHYIKIRIZWA UBUCAMANZA NABA YAKOMEJE KWIGIRA INZERERZI (Ibaruwa yiyandikiye yometse inyuma).



8

8) <u>KUBA NTARASHATSE UNDI MUGORE MUGIHE CY'IMYAKA IBILI ANTAYE</u>.

9) <u>KUBA YARATINYUTSE KUNSEBYA KUMUGARAGARO NO GUTERANYA IMIRYANGO</u>

- Kuba NYIRANGEZAHAYO yaragiye avuga ko natwitse umwana nibyariye ngo nkamutwika amaguru mugihe yari yaramutaye nyine kandi akavuga ko ngo mvuga ko uwo mwana MUKASHYAKA-NAHAYO Solange ngo namwise izina libi ngo kandi akaba atarijye wanamubyaye ngo mvuga ko se ali NDAGIJIMANA Silas ukora muli HATTON AND COOKSON-RWANDA i Kigali akaba yarabivuze agirango anteranye na NDAGIJIMANA gusa dore ko iyo mvugo yabaye ali uko NYIRANGEZAHAYO yataye urugo ikaba italigeze ibaho bundi NDAGIJIMANA akaba ali umugabo wubatse ufite umugore we n'abana be kandi umugore we akaba ataligeze yumva iyo mvugo NYIRANGEZAHAYO ataragenda.

  Aha nababwira gusa ko uwo NDAGIJIMANA nyina ali mubyara wa Papa NYIRANGEZAHAYO yagiye kunteranyaho ngo dukunde twangane aliko agakorera ubusa.

- Kuba NYIRANGEZAHAYO yaratinyutse kuvugira mu muganda ngo: <u>ILIYA MBWA</u> sinkiyikeneye muruhame rw'abaturage.

Nababajwe cyane no kubona umuntu uzi ubwenge atinyuka kuvuga liliya jambo hejuru y'Umugabo babyaranye inshuro ebyili zose akavuga ko ndi imbwa koko!

Ubwo ni ukuvuga ko afite uwo yita UMUGABO umugwa k'umutima.

.../...

- Kuba NYIRANGEZAHAYO yaravuze ngo ntunze murumunawe abeshya iwabo kuko yali yaramusize i Kigali akora mu kabali ka KANYAMANZA Emmanuel kandi uwo murumuna we akaba yararaga aho muli ako kabali kabaga imbere y'isoko rya Nyabugogo jye nkaba ntuye ku Kimisagara ndetse na Shebuja KANYAMANZA akaba atuye ku Kimisagara hafi y'umuhanda wa kaburimbo bita uwa KADAFI.
Ibyo yabinsebeje iwabo kugirango akomeze ahimbe impamvu zerekana ko yavuye murugo rwe ahunze ingeso (zimpimbano).
Ngirango abaturanyi banjye kandi nawe bakaba bali abe bashobora kubisobanura kuko abeshya iwabo ntigeze ngira n'icyo gitekerezo mubuzima bwanjye ali kuli uwo murumuna we cyangwa se kuba namugerekaho abandi bagore.

---

<u>Divers</u>:a)NYIRANGEZAHAYO nigeze kumuregera umuryango we nabwo yaraye mugasozi aza bukeye, bituma nyine mfata icyo cyemezo cyo kumva icyo iwabo babitekerezaho.
Cyakora NYIRANGEZAHAYO yemeye icyaha, asaba imbabazi ababyeyi n'umugabo we aliwe jyewe SIBOMANA Visenti, nsha inkoni izamba tugaruka i Kigali dukomeza kubana aliko <u>INGESO NTIRYAMIRWA</u> kuko <u>atatinze kunyereka igihandure</u>.

b)NYIRANGEZAHAYO yagulishije inzoga kwa Data-Bukwe bali batwoherereje taliki ya 15.7.1990 batazi ko yahafashe. Izo nzoga yazigulishije kwa RUHURURA munsi y'isoko rya Nyarugenge ali kumwe na Donatira mukuru we wali aje azikoreye.

Ibyari biziherekeje byo byabikije MUKAMPAKANYI Emeriyana aho byavuye NYIRANGEZAHAYO amaze kujyana ibintu bimwe iwabo akagaruka i Kigali.

<u>Umwanzuramo</u>:

- Kubera ingingo navuze haruguru cyane cyane izili ku n° 1, 2, 3, 4, 6, 5, ; mbasabye nkomeje ko hakorwa iperereza likomeye lyafasha ingingo n'impamvu zo gushingiraho kugirango ntandukane na NYIRANGEZAHAYO B.

kugirango nshobore gukomeza kwirerera intabwa zitakibuka isura ya nyina. Ndahamya kandi ko nzakomeza kubitaho kuko uko yabantanye bangana alibyo byali bikomeye kurusha ubu bamaze kuba bakuru -MUKASHYAKA-NAHAYO Solange ufite <u>imyaka itanu n'amezi atandatu</u>

-MUNYAMPETA Jean-Claude ufite <u>imyaka ine</u>.

- Ndifuza kandi ko nyuma y'imikilize y'uru rubanza hatangwa uburenganzira ku bintu bitimukanwa bigahita biba ./..

umutungo wanjye n'abana banjye kuko ibyimukanwa NYIRANGEZAHAYO yabijyanye ndavuga ibyo twali twarashakanye akaba yarihaye kubiteza cyamunara.

Mboneyeho nanone kubasaba ko hagati y'imikilize y'urubanza, ko inzego mutegeka zibishinzwe zakwemerako aramutse agize uwo yiba, agize uwo yangiliza ibintu, agize abamutera inda (kuko tumaze imyaka ibili tutaryamana), abyaye ntakwemera kumulihira cyangwa kumwishingira.

Mbaye mbashimiye ubutabera busanzwe bubaranga mu kazi kanyu, Bwana Prezida,
Bwana Prokireri,

mugire amahoro n'amahirwe kandi murakarama.

SIBOMANA Visenti.-

Ibyometse ku nyandiko:

1) Icyemezo cy'inkwano
2) Icyemezo cyo gushyingirwa
3) Icyemezo cy'amavuko cya:
   -MUKASHYAKA-NAHAYO Solange (5 ans 6 mois)
   -MUNYAMPETA Jean-Claude (4 ans )
4) Icyemezo kiranga umuntu
5) Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico n'imyifatire
6. Inyandiko ya NYIRANGEZAHAYO yo kuwa 23.10.1989.

--------------

PREFEGITURE YA GITARAMA
KOMINI YA MUSHUBATI

# INKWANO

Quittance No 246/84

| IMHAMVU | | Amazina cyangwa ibikumwe |
|---|---|---|
| 1. — Taliki | : | 4/11/84 |
| 2. — Izina ly'umukwe | : | SIBOMANA Vincent |
| Umusozi we | : | NTONGWE |
| 3. — Izina ly'umukobwa | : | NYIRANGEZAHAYO G. |
| Umusozi we | : | KADUHA |
| 4. — Izina ly'ukwa | : | [illegible] |
| Umusozi we | : | NTONGWE |
| 5. — Izina ly'ukwerwa | : | NYABUHENE |
| Umusozi we | : | KADUHA |
| 6. — Abagabo babo | : | [illegible] |
| | : | [illegible] |
| | : | NGIRABATWARE |
| 7. — Icyakoshejwe | : | NZABALINDA |
| | | SHASHI Bihoho |
| 8. — Icyakongerwaho | : | Indundu |

Burgumestri

Mbawe amafranga ijana (100)
Umwanditsi

République Rwandaise • Préfecture de Gitarama Commune Mushubati

## ATTESTATION DE MARIAGE
*Icyemezo cyo kuba warashyingiwe*

№ 275363

Je soussigné MUNYANKUMBURWA Bourgmestre de la Commune
*Jyewe* *Burgumestri wa Komini*
de MUSHUBATI atteste par la présente que M. (Mme)
*ya* *nemeje ko Bwana (Madamu)*
SIBOMANA fils (fille) de SENKWARE
*mwene*
et de KANKINDI originaire de NTONGWE
*na* *wavukiye muli*
Commune de MUSHUBATI Préfecture de GITARAMA
*Komini ya* *Prefegitura ya*
résidant à NTONGWE Commune de MUSHUBATI
*utuye i* *Komini ya*
Préfecture de GITARAMA a contracté le mariage avec Madame (Monsieur)
*Prefegitura ya* *yasezeranye na* *Madamu (Bwana)*
NYIRANGEZAHAYO fille (fils) de NYABUHENE et de KANKINDI
*mwene* *na*
résidant à KADUHA Commune de MUSHUBATI
*utuye i* *Komini ya*
Préfecture de GITARAMA
*Prefegitura ya*
Le mariage civil a été célébré à MUSHUBATI le 4.11. 1984
*Amasezerano yo gushyingirwa yabereye* *kuwa*
Devant le Bourgmestre (nom, prénoms) MUNYANKUMBURWA de la commune de MUSHUBATI
*Imbere ya Burgumestri (amazina)* *wa Komini*
Le mariage religieux a été célébré à ........ le ........ 19 ....
*Amasezerano yo gushyingirwa yabereye* *kuwa*
Devant l'Autorité religieuse (nom, prénoms) ........
*Imbere y'uhagarariye idini (amazina)*
Délivrée à Mushubati le .../11/ 1989
*Gitangiwe* *kuwa*

Pour acquit :
*Nakiliye*

**50 FRS**

Le Receveur (nom, prénoms)
*Uwakira amafaranga muli Komini (amazina)*
Umukono

Le Bourgmestre (nom, prénoms)
*Burgumestri (amazina)*
MUNYANKUMBURWA
(Signature)
Umukono

République Rwandaise • Commune MUSHUBATI

INYANDIKO YANDUKUWE -(Umwimerer wa NYIRANGEZAHAYO).
voir verso -(Umwimereri wa SIBOMANA),
-(Umwimereri wa Konseye wa Kimisagara).

Kimisagara 23 -10 - 1989

Ngewe NYIRANGEZAHAYO nemereye Conseiller wa Secteur Kimisagara ko ngiye iwacu muli Commune Mushubati ngahuliraye n'umugabo wange witwa SIBOMANA Vincent na we wo muli Mushubati ubwo umugabo azansanga iwacu ibyemezo imilyango yacu izageraho nibyo tuzakulikiza na none nkaba nemereye Conseiller ko ntazongera kwicumbikira kandi nta kazi ngira hano muli Kigali nk'uko nikodeshereje kwa BANGAYILIKI Déo mpamaze amezi cumi na kumwe kuva ukwa cumi n'abili 1988 - 1989 mu kwa 10 (Cumi), mbyemereye imbere ya Conseiller n'abaselire be n'abaturage.

Nintubahiliza ibyo nzafatwa nshyikilizwe ubucamanza.

Ningewe ubyiyandikiye ntagahato.

NYIRANGEZAHAYO

(Sé)

- Njyewe Responsable wa Sellule Kamuhoza mbyemeje ntyo

KALINIJABO Gaspard

(Sé)

- Njyewe Responsable wa Serile Kimisagara

NTIRUTWA Jean ndabyemeje

(Sé)

Mambure wa Selire Kimisagara,

- KAVUMBUTSE Yolam (Sé)

Kimisagara 23 - 10 - 1989

Njyewe Nyirangezahayo nemeje ko Conseiller wa Secteur Kimisagara ko nyuje iwacu muli Commune Nyarugenge ugahurira nawe muli [illegible] nyo n'umugabo wanjye witwa Sibomana Vincent ma^wo muli Nyarugenge ubwo umusaba azadusanga i wacu

ibyo umusabo azadusanga i [illegible] ibyanezo imilyango yacu icogerako mbyo tuzatubikiza na noze akaba, nemeje Conseiller kandi nta kumazongera kwicumbikira kandi nta kazi ngira kano muli Kigali ukuko ndabibwiye kwa ba Bangayikiko umuze [illegible] kandi na kumwe.

Deo ngarama umezi [illegible] y'abiki 1988 - 1989 kuba ukora [illegible] ubyemeye imbere ya Conseiller nawe kwa ro, ubyemeye imbere ya Conseiller u [illegible] be n'abatungi mintubabuliza ibyo nzafatwa ndetse kiyirikizwe na uba comanzo.

Ningewe ubyanditse [illegible]

Nyirangezahayo

Njyewe Responsable wa Sellule Kamuhoza mbyeje ntyo
Kalinijabo Gaspard

Njyewe Responsable wa Secteur Kimisagara
Utiziutwa Jean Ndabyemeje

Mambere wa Selire Kimisagara
Kavumbutsa Jolam

.. Jyewe Sibomana Vincent nemeje ko
ikibugiwe hano kuli Segiteri Kimisagara
muli uru rwandiko Ntirangezahafo yiyandik
mbyubahiliza nkuko mbisabwe, kujyana
n'umugore kuli Komini Muskubati nonah
Ibibazo byacu bizangizwe n'umubyango
wa Commune Muskubati nkazazana
inyandiko yanditsweho na Conseiller
isobanuro uko byagenze nkazayizanira
Conseiller wa Kimisagara.

Sibomana Vincent

Le 23.10.89.

- Konseyi wa Segiteri Ntongwe
udagirango, muzafatanye
nabo bantu bi'muryango
yuwo mugabo na madamu
we tuzabone Raporo izatu
ma tumenye obo uko
bigenze aho uwanyu
Karushara Rose Konseye

SECTEUR KIGALI
SECTEUR KIMISAGARA
COMMUNE URBAINE NYARUGENGE